


Akanyamakuru ku burezi n'ubuzima mu mashuri, kandikwa na ADRA Rwanda ku nkunga ya DANIDA. Gasohoka buri gihembwe.



Abanyeshuri ba **DENMARK** mu rugendoshuri

5 NATUNGUWE NO
KUMENYA KO NANDUYE...

Ngarutse ku ishuri
ndi umubyeyi! **7**

Babyeyi
mwirambirwa
kuducyaha...

16

Ijambo ry'ibazze

Abana bose bakwiriye kuganirizwa kuri SIDA

Zimwe mu nkuru mujya musoma mu kanyamakuru imbarutso y'iterambere, mukunze kubona ko abana bandika no ku cyorezo SIDA. Uretse kwandika ku bijyanye n'uko buri wese akwiye gufata ingamba zo kwirinda ndetse no kurinda abandi virusi itera SIDA, hari n'abandika ubuhanya bw'ibyababayeho bo ubwabo cyangwa se ubuzima babamo bahanganye n'ingaruka za Sida.

Hari abana bandika bagaragaza ubuzima babayemo nyuma yo kubura ababyeyi bishwe na SIDA ndetse abandi bakerekana uko bariho nyuma yo kwanduzwa virusi itera Sida n'ababyeyi babo igihe bababyara cyangwa babonsa (iyo hatabayeho gukurikiza neza inama za muganga).

Nta gushidikanya ko buri wese usoma bene izi nkuru bimukora ku mutima. Abo bana nta ruhare bagize mu kwandura, nyamara hari abantu bakuru bashobora guha akato bene abo bana cyangwa ugasanga bigisha abana babo kugendera kure abana bavukanye virusi itera Sida cyangwa se abana bafite ababyeyi bizwi ko babana na virusi itera SIDA.

N'ubwo hari bamwe mu bana babwirwa guha akato abandi bana bagenzi babo, ikibabaje ni uko muri bo harimo abadasobanukiwe na SIDA icyo ari cyo. Birakwiye ko buri mubyeyi aganiriza umwana we akamusobanurira bimwe mu bibazo bigaragara mu muryango nyarwanda ndetse no ku isi muri rusange, harimo n'bijyanye na virusi itera Sida kugira ngo akure abifiteho ubumenyi ndetse anafate ingamba hakiri kare igihe bishoboka.

Ikindi kandi, nta mubyeyi ukwiriye kubwira umwana we kwirinda abandi bana cyangwa se abaturanyi yiitwaje ko banduye virusi itera SIDA. Kuganira kuri iki cyorezo no kurebera hamwe ingamba zafatwa kugira ngo kitazakomeza gukwirakwira mu bantu ni byo bikwiye guhabwa umwana.

Burya umwana akura afata kandi agashyira mu bikorwa ibyo agenda atozwa. Nimubasobanurira ububi bwa SIDA nk'uko ingero zigenda zibigaragaza no mu nkuru z'abana mwisomera muri aka kanyamakuru, bazakura bayirwanya, bakira uwagize ibyago akayandura, ari na ko bashishikariza buri wese kuyirwanya bahereye ku rungano.

Namenye ububi bwa SIDA

Kuva nagera muri Club Anti SIDA namenye ububi bwa SIDA numva si byo kwihererana.

Maze kujya muri Club Anti SIDA nasanze ari nziza kuko hari byinshi namenyeyemo. Nabibwiye n'abandi nabo barabyumva namenyeko SIDA ari indwara idakira kandi itagira umuti n'urukingo kandi ari icyago cyayogoje isi n'u Rwanda.

Rubyiruko, basore namwe nkumi, abasaza n'abakecuru ni mwirinde icyo cyago. Ntikirobanura, abato n'abakuru, umukecuru cyangwa umusaza kirajyana. Abakobwa nimwirinde ba Shuga Dadi (Suger Dady) abasore nimwirinde ba shuga mami (Suger Mamy) dore ko ari abanzi b'ejo hazaza.

Ikindi kandi uwanduye virusi itera SIDA ntakwiriye kunenwa no guhabwa akato kuko ari umuntu nk'abandi. Ahubwo akwiriye kwitabwaho kandi uwanduye yirinde kwanduza abandi.

Ndasaba kandi ubufatanye mu kurwanya iohoterwa rikorerwa abana bikanabaviramo kwandura virus itera SIDA kuko ari twebwe bana b'u Rwanda rw'ejo hazaza.

Nishimwe Clemence, umunyeshuri wa Catch-up Nkoto, umurenge wa Murambi



Soma akanyamakuru

Imbarutso y'iterambere

Twandikire @ imbarutso@adra.org.rw..

Duhumagare/SMS (+250) 786 278 505



16 Urugendoshuri...



5 UBUREZI

Umunsi mpuzamahanga wo kurwanya ubujiji



7 Ngarutse mu ishuri
ndi umubyeyi



14 Akwiye kumvwa
mu rwamubyaye



11
Uburerere
Babyeyi mwirambirwa
kuducyaha...

Uburenganzira bwe
buzubahirizwa
ryari?

9



13 Umwanya w'abana
uri mu ishuri



24 Ifoto
y'inyma ku
gifuniko

lyi foto y'inyma ku
gifuniko yafotorewe
mu murenge wa
Ruganda akarere ka
Karongi. Ishyirwaho
nk'umurimbo, nk'ifoto
yashimirisha uyireba,
nta kindi gisobanuro
kiyatangwaho [no
comment].

Byari ibibazo bikomeye kubera SIDA

Natangiye kumenya ubwenge, ubwo nari mfiti nk' imyaka icyenda, mbona data ahora arwaye. Yaje kujya kwa muganga, bamupimye basanga yanduye virusi itera Sida, abibwira mama ariko ntiyabyakira neza. Kuva icyo gihe intonganya zivuka mu rugo.

Mama yahisemo guta papa ngo atazamwanda za icyo cyago, yigira iwabo. Ubwo rnyewe na barumuna banje twajyanye na mama iwabo. Tuhamara imyaka itatu nabwo tutabayeho neza kuko twari dutunzwe no guca inshuro, mama akorera abandi. Naho nrye nari naravuye mu ishuri kugira ngo nrye nsigara ndera barumuna banje babiri igahe we yabaga

yagiye gushaka icyo kudutunga mu baturanyi.

Nyuma y' imyaka itatu nibwo mama na we yamenye ko yanduye bituma tugaruka iwacu kurwaza papa. Ariko twasanze yararemye cyane biza no kumuviramo gupfa kuko nta miti igabanya ubukana bwa SIDA yari yarigeze afata.

Data amaze gupfa twasigaranye na mama ariko ubukene bumeze nabi. Nyuma aza kwigira inama yo kujya mu ishyirashamwe ry' ababana na virusi itera SIDA, akajya afata imiti. Maze ubuzima busa n' aho bubaye bwiza ho gato kuko abo mu ishyirahamwe bafashwaga.

Ubwo najye nahise nsubira mu ishuri. Nyuma y' imyaka 2 mama

yaje kwishakira undi mugabo babanaga mu ishyirahamwe. Njye na barumuna banje tujyana na mama kuri uwo mugabo. Tugezeyo ntawo ubuzima bwakomeje kugenda neza kuko bahise babyarana abandi bana babiri b' indahekana kandi nabo banduye. Ubu nabo babatangije imiti. Bararwaragurika ku buryo bukomeye bityo bigatuma nsiba kenshi kuko mutwaza umwe igahe bagiye gufata imiti cyangwa kubavuza.

Nabanje kugira intege nke zo kwiga kuko iyo nasibaga nasangaga abandi amasomo bayageze kure ariko umwe mu barimu yangiriye inama yo gukomeza kwiga kandi akazamfasha uko ashoboye kose.

Byari ibibazo bikomeye. Icyakora ubu ndiga neza ngo nzafashe abo mu muryango wanjiye. Nzaharanira kwirinda SIDA kuko nabonye ibibi byayo.

**Tuyishime Angelique,
umwak wa G w'amashuri abanza,
E.P Ruganda**

Icyo club anti SIDA yamariye

Club yo kurwanya SIDA yamfashije kumenya uko nakwitwara nirinda iki cyago n'uko nshobora kwitwara kuri bagenzi banje harimo ikinyabupfura. Namene neza

ko uburyo bwo kwirinda SIDA harimo Uburerere, Kwifata, Ubudahemuka ku bashakanye no Gukoresha agakingirizo ku wananiwe kwifata. Club yanyigishije kwirinda, kuganiriza abandi bana



ku byerekanye no kwirinda icyo cyorezo cya SIDA kugira ngo twese nk'urungano tuyamagane.

Mukobwa nawe muhungu utari muri Club ndagushishikariza kuyijamo kugira ngo ubashe kumenya uko wirinda.

Ndashishikariza urubyiriko twese ngo dukomere ku busugi n'ubumanzi bwacu duhakanira abadushuka nka ba shuga Dady na ba shuga Mamy.

Ndabashishikariza kujya muri Club anti-SIDA kuko muzahakura izo nama. Ndetse n'abatarabashije kwiga harimo n'ababyeyi batubyaye nimwiyemeze kwirinda SIDA mudaca inyuma abo mwashakanye. Naho twebwe abana n'urubyiruko mureke twifate dukoresha agakingirizo mu gihe tunaniwe kwifata.

**Nyaminani Loulent,
Catch-up Nkoto, level 2,
umurenge wa Murambi.**

Natunguwe kandi mbabazwa no

KUMENYA KO NANDUYE...

Mu babyeyi banje bombi nta n'umwe wanduye virusi itera SIDA, sinigeze kandi nkora imibonano mpuzabitsina ariko naranduye!

Byangenze bite! Biragoye kubyumva. Uko bigutunguye niko najye byandunguye. Reka ngutekerereze uko byagenze.

Nitwa Nyirabizerimana Marie Claire. Dutuye mu kagari ka Kivumu, umurenge wa Ruganda, akarere ka Karongi. Niga mu mwaka wa gatandatu w'amashuri abanza ku kigo cy'Amashuri Abanaza cya Ruganda. Mfite imyaka 12. Iwacu twavutse turi abana babiri.

Nije na musaza wanjiye twize neza kuva mu mwaka wa mbere kugeza mu mwaka wa gatanu. Kugeza muri uyu mwaka nta kibazo nari niyiziho kuko nari meze neza mbyibushye, ntsinda neza mu ishuri kandi ntarwaragurika. Sinavuga ko iwacu dukenny, kuko icyo nashakaga cyose narakibonaga.

Numvaga bavuga SIDA, nkumva niywewe itandeba kuko ntaho nakekaga naba narahuriye nayo. Ibyo gusambana sinigeze mbikora.

Nta mibonano mpuzabitsina nigeze nkora. Kandi nabonaga ababyeyi banje babanye neza kandi bafite icyizere y'uko twe abana babo turi bazima.

Nyuma naje gusanga narishukaga kuko SIDA idapimishwa ijisho. Naje kujya muri club anti SIDA yo ku ishuri ku kigo cyacu. Ubwo bahoraga badushishikariza kwipimisha ku bushake. Nagize igitekerezo cyo kujya kwipimisha ku munsi wo kurwanya SIDA. Maze kwipimisha natunguwe no kumva ko nanduye.

Maze kumva ko nanduye nananiwe kubyakira. Ariko muganga akomeza kunyihanganisha. Ampa inama zamfashije, anyumvisha ko n'ubwo nanduye ubuzima bugikomeje kandi ko ninitwara neza nshobora kurama iminsi yose y'ubuzima bwanjiye; amashuri yanjiye agakomeza, nkazayarangiza nkazigirira akamaro nkakagirira n'ighugu cyanjiye n'umuryango wanjiye.

Natashye numva niyakirije ariko ntumva neza icyatumye nandura virusi itera SIDA.

Ngeze mu rugo mbajije

ababyeyi banje aho naba naranduriye, kuko numvaga bidashoka dore ko nari narize ko SIDA ahanini yandurira mu mibonanopuzabitsina idakingiye. Ahandi nakekaga ko naba naranduriye nibwiraga ko ari ababyeyi banje banyanduje mvuka. Ariko mama yaransobanuriye, ambwira neza ko nabo ari bazima ahubwo ko ari umuturanyi wacu wanduye wanyanduje kuko bamunsigiraga akanyonsa igihe ndize mama ataraza.

Ubwo nari ngeze mu mwaka wa gatandatu. Ntabwo nacitse integre nafashe icyemezo cyo gukomeza gahunda zanje zo kwiga nk'uko bisanzwe kandi nkanja mpumuriza n'abandi bana bose bagize ikibazo nk'icyaniye.

Ndagira inama ababyeyi ngo bajye bakurikirana uburere bw'abana babo ndetse bakanabapimisha virusi itera SIDA bakiri bato.

**Nyirabizerimana Marie Claire,
Umwaka wa 6 amashuri abanza
E.P Ruganda**



Nyirabizerimana yamenye ko yanduye virusi itera SIDA abanza kwiheba cyane. Ntabwo ari we ugaragara kuri yi foto. Uyu mubona ku ifoto ni umuntu bigaragara ko yihebe.

BURYA UBWENGE BURARAHURWA...

Nitwa Mushinzimana Anathalie msite imyaka 13. Niga mu mwaka wa gatandatu, ku giko cy'amashuri abanza cya Ruganda.

Dutuye mu kagali ka Kivumu, Umurenge wa Ruganda, akarere ka Karongi, intara y'iburengerezuba. Navukiye mu muryango utifashije. Iwacu ndi umwana wa karindwi. Kuko turi abana bensi n'ubuzima ni ko bugoye. Ibi bituma tutiga neza kubera kubura ibikoresho by'ishuri kandi no kutubonera ibyo kurya nabyo ntibiba byoroshye.

Basaza banje babiri bakuru bananiwe kwihanganira ubu buzima bituma bata ishuri. Ariko musasa wanje umwe yabaye intvari bituma mwigiraho. Uyu we yakomeje kwiga ubu yarangije mashuri abanza, ubu ageze mu mwaka wa kabibiri mu mashuri yisumbuye.

Musaza wanje uyu yambereye icyitegererezo cyiza, ibyo

namurahuyeho bizamfasha mu buzima bwanjye.

Uyu mbabwira yabonye ubuzima butugoye nawe bumugoye, ababyeyi kubona ibikoresho by'ishuri n'imyambaro batabivamo yishakiye uburyo we azabibona kandi agakomeza akiga. Muzi icyo yakoze! Akorera udufaranga hafi yo mu rugo akajya atubika utwo abonye akatuguramo agatungo kagufi, inkoko cyangwa urukwawu. Aya matungo niyo agurishaho agura ibyo akeneye ku ishuri.

Iyo igihe cyo gutangira ishuri kigeze afata muri ya matungo ye akagurisha akagura ibikoresho n'ibindi bituma asa n'abandi ku ishuri kuko nta bundi bufasha akura ku babyeyi, kuko usibye n'ubukene no kwiga kwacu ntacyo bibabwiye.

Uyu musaza wanje ntabwo yigurira ibikoresho gusa ahubwo atanga n'andi mafaranga ku ishuri bamusabye.

Nshimishwa no kubona agiye ku ishuri anezerewe kandi asa n'abandi banyeshuri. Ibyo bituma nanje ngira



ishyaka ryo kwiga kugira ngo nzagere ikirenge mu cya musaza wanje. Mparanira kwiga neza kandi ndatsinda neza mu ishuri.

Ubu nanje natangiye korora inkoko kugira ngo nzabone ikizamfasha ngeze mu mashuri yisumbuye.

Hari irindi somo nigira ku mibereho yacu ya buri munsi. Nabonye ko kubyara abana bensi bituma umubyeyi atubahiriza inshingano afite ku mwana we bigatuma abana bavutswa uburenganzira bwabo. Nzaharanira iterambere ryanje n'iry'umuryango wanje bityo nzigirira akamaro n'igihugu cyambyaye.

**Mushinzimana Anathalie
E.P Ruganda, P6A**

Tubarinde imirimo ivunanye

Habumugisha Zacharie ntuye mu murenge wa Mahembe akarere ka nayamasheke. Ubu niga mu mwaka wa gatandatu w'amashuri abanza ku kigo cya Binogo nkaba msite imyaka 16. Navukiye mu muryango ukenny kandi ababyeyi banje ntibigeze biga.

Nabyirutse nkunda kwiga ariko kubera ko ababyeyi banje batari basobanukiwe bituma ntangira umwaka wa mbere nkererewe. Mama yashakaga ko niga ariko papa we akambwira ati "nyewe ko ntize sindiho?"

Nakomeje kwiga mu bibazo niga nkererwa, nsiba kubera ibibazo by'ababyeyi banje.

Kubera ikibazo cy'bukene n'imyumvire mike y'umuryango wanje byatumaga n'yo nabaga nagiyе ku ishuri nta kintu natahanaga kubera ko nta gikoresho cy'ishuri na kimwe nagiraga.

Imyigire yanje imaze kuba mibi mbona kwiga bitagishobotse, negera umuntu twari duturanye ampa inama nziza isumba izindi zose yo

gukomeza kwiga.

Navugaga kwiga imbere y'ababyeyi banje maze nkamera nk'uciye inka amabere, ngo "gukira si ukwiga gusa, ngo ikiro cy'amahirwe kiruta ikiro cy'ubwenge".

Kubera inama nyinshi z'abaturanyi, ubu ababyeyi banje bamenyе akamaro k'ishuri, basigaye bangurira ibikoresho, kandi singisiba ishuri.

Ubu ndiga na barumuna banje ndetse na mushiki wanje twese turiga n'ubwo utubazo tutabura. Ibikoresho bigenda biba bike ariko ubwo ababyeyi banje basobanukiwe n'akamaro k'ishuri nziga nta kabuza.

Munyeshuri nawe uzasoma iyi nkuru ntuzacibwe intege n'ibikubaho mu buzima. Ubu nanje ngeze mu mwaka wa 6 kandi nizeye ko nzakomeza



Uyu mwana yambutsa abagenzi mu bwato, uretse no kuba bivunanye bituma bamwe mu bana bata ishuri bakurikiye amafaranga.

no muyisumbuye bituruts e ku nama z'abaturanyi ndetse n'iz'abarezi bacu.

Ndashishikariza abantu bose cyane cyane ababyeyi kutavutsa abana uburenganzira bwabo bwo kwiga, babaha ibikoresho by'ishuri kandi babarinda kubakoresha imirimo ivunanye.

Twige duteze igihugu cyacu imbere kandi tugire ubuzima buzira umuze!



NGARUTSE KWIGA NDI UMUBYEYI!

Navuye mu ishuri ndi umwana muto ubwo nigaga mu mwaka wa 5, ubu mbyaye rimwe, mfite umugabo, none ngarutse kwiga. Mfite imyaka 25, niga ku kigo cy'amashuri abanza cya Kabingo mu cyiciro cya Kabiri cya cacapu (Level 2 catch-up).

Nitwa Uwingabire Chantal utuye mu mu dugudu wa Kabingo, Akagari ka Kabingo, umurenge wa Ruganda.

Navuye mu ishuri niga mu mwaka wa gatanu (P5). Navuyemo bitewe no kubura ibikoresho by'ishuri kuko mu rugo bavugaga ko ari abakene.

Ariko maze kuvamo ntabwo nagiye ngo nicare kuko numvaga ngomba kuzagira icyo nigezaho. Nashatse uburyo nabona icyo niga. Ubwo naragiye niga kudodesha imashini maze kugira icyo menya narayiguze nkajya ndodera abantu ibyo nshoboye.

Ariko ibyo numvaga bidahagije kuko hari umutima wambwiraga uti burya nturarangiza na primaire. Nkibaza nti ese njye

kwigana n'abana, bikanshobera. Ubwo nakomeje kwibaza icyo kibazo igihe kirekire. Icyakora igisubizo na je kukibona nyuma!

Nagarutse ku ishuri ndi umubyeyi!
Iki bazo nari mfite cyashubijwe ni uko ADRA yazanye ishuri ry'abacikishirije amashuri ryitwa Catch-up. Igishimishije ni uko iri shuri baritangije ku kigo cy'amashuri cya Kabingo kiri ku irembo ry'iwacu. Nanje ndavuga nti "Imana ishimwe". Dore icyo nashakaga ikizanye iruhande rwanjye, igisigaye ni ukwiga nta rundi rwitwazo".

Mbigejeje ku mugabo wanje

Iki bazo nari
mfite cyashubijwe
n'uko haje ishuri
ry'abacikishirije
amashuri bashaka
gukomeza.

na we yabyakiriye neza ubwo twumvikana uko imirimio yo mu rugo izajya igenda n'uko nzakurikirana amasomo yaniye. Ubu ndiga kandi ndatsinda.

Ndashimira Leta y'u Rwanda yashizeho iyi gahunda ya catch up, ibiri amahire ikaza ku kigo cyacu i Kabingo. Ndashimira ADRA yemeye gufatanya na Leta y'ubumwe bw'abanyarwanda ngo twese turusheho kujijuka tugana iterambere. Ubu ibikoresho ndabibona. Ese wowe utararangiza amashuri yawe ntiwaza nawe ukiga ukarangiza.

**ADRA Rwanda, transforming
lives one life at a time...**

Nirinze kwiheba...nifitiye icyizere cyo kubaho

Nitwa Nyiragatesi Marie Claire ntuye mu mudugudu wa Kizenga akagari ka Nyagatare umurenge wa Mahembe nkaba niga mu mwaka wa kane mu kigo cy'amashuri abanza cya Binogo.

Ubu mvuga nkaba mbana na virusi itera SIDA. Nageze mu gihe cy'imyaka umunani ni bwo namenye ko papa yapfuye azize SIDA. Natangiye kumenya ubwenge atakiriho.

Ubwo nasigaranye na mama, igihe nagombaga kujya gutangira ishuri ntabwo byakunze kuko uwo mubyeyi nari nsigaranye yari amaze kwiheba avuga ngo n'ubundi sinzarangiza. Twabaye aho bigeze aho tuza kumenya ko hari amashyirahamwe y'ababana na virusi itera SIDA, ubwo uwo mubyeyi wanje yaje kujya mu ishyirahamwe bamugira inama y'uko

azajya afata imiti igabanya ubukana.

Yatangiye kujya afata iyo miti akabona hari igihinduka, bakomeje kumugira inama bamwumvisha n'uko agomba kunyohereza ku ishuri nkajya kwiga. Yaje kubyumva maze yemera ko najya gutangira ishuri ntangira nkererewe kubera iyo mpamvu.

Ngeze mu mwaka wa kabiri uwo mubyeyi nari nsigaranye na we yaje gupfa, maze biba ngombwa ko njya kuba kwa nyogokuru.

Bakomeje kujya bajya kumfatira imiti, nanje nkomeza kwiga n'ubwo byari bigoye.

Abarezi banjye bajje kumenya ko mfiti icyo kibazo bakomeza kungira inama bituma nkomeza kwigirira icyizere ndetse niga nshyizeho umwete kandi ndatsinda.

Mu kigo cyacu bajje gushyiraho club anti-Sida

bakajya bigisha uburyo umuntu yakwirinda Sida ndetse bakanavuga uko uwamaze kwandura atagomba kwiheba ahubwo agomba kwigirira icyizere cyo kubaho.

Naje kujya muri iyo club, cyane ko nari maze kumenya ububi bwa Sida n'ingaruka zayo bituma numva ko nanje nkwihiye gufasha bagenzi banjye mu kubagira inama y'uburyo bakwirinda, kuko n'ubwo mbana na virusi itera sida nzirikana ko bitanturutseho.

Bakomeje kujya baduhugura ndetse banatugira inama ibyo bigatumu nkomeza kwigirira icyizere, ubu nkaba ngeze mu mwaka wa kane kandi mfiti icyizere cyo kubaho. Nkaba ngira inama bagenzi banjye banduye ko badakwiriye kwiheba, ko ahubwo nabo bagomba kwigirira icyizere cy'ejo hazaza.

TWIRINDE SIDA KANDI TURWANYE AKATO GAHABWA ABANDUYE

Nitwa Utetiwabo Marie , nabyirutse mbona abantu banduye virusi itera Sida. Nabonaga bahabwa akato n'abaturanyi.

Iyo babahaga akato barushaga ho kwiheba ngakeka ko ibi bishobora kubatera umutima mubi bakaba ndetse bananduza n'abandi bantu ku bushake.

Jyewe nareberaga ku mwana w'umuturanyi wacu wayanduye avuka kubera ko ababyeyi be bari baranduye.



Hari n'abana b'abakobwa bashukishwa amafaranga, amavuta ahenze, ubushenette,


babashukisha no kubajiana mu

bagerayo bakabajana mu

buraya n'izindi ngeso mbi.

Rubyiruko mureke tugane ishuri, twite ku nama z'ababyeyi bacu, n'abarezi bacu kuko ari byo byatugirira akamaro.

Ndashishikariza abantu bose ko bakwiye kujya kwipimisha kugira ngo n'abanduye bamenye uko bashobora gufata ingamba.



...uburenganzira bwe buzubahirizwa ryari?

Nitwa Ishema Jean Baptiste. Niga ku kigo cy'amashuri abanza cya Gabiro mu mwaka wa kabiri, mu murenge wa Mahembe. Navutse muri 2006, ndi umwana wa gatatu mu rugo iwacu.

Nabyirutse mbona iwacu bafite abaturanyi ariko bakambuza kujyayo bambwira ko abaturanyi bacu babana na virusi itera SIDA, ngo ntazakina n'abana babo bakanyanduza. Naiyagayo nihishe, maze babimanya bakankubita.

Inkuu ibabaje ku mwana witwa Olivier, bamubyaye baranduye maze nawe arandura kandi ni abakene.

Olivier yaje gukura nabi ku buryo bamujyanye mu kigo nderabuzima ngo ahawwe indyo yuzuye.

Ubuzima bw'ababyeyi bwaje

kuba bubi bigera aho nyina w'umwana yamwijishuye amutereka mu rugo kwa nyirakuru ashorera umukuru barigendera. Ikkibabaje ni uko na nyirakuru nta bushobozzi yari afite bwo kurera uwo mwana atunzwe n'inshuro. Se nawe yarigendeye ajya kwishakira imibereho, nta kumenya uwo mwana. Ese uwo mwana azaba uwande? Ese uburenganzira bwe buzubahirizwa ryari? Uwo mwana afite nk'emyaka ine y'amavuko. Navuga ko yirera kuko nyirakuru abyuka agenda.

Icyo twebwe abana tumumarira ni uko tumuha ku cyo baduhaye. Kandi na byo ntibbone ku gihe, kandi n'iyo yariye ntaryama ku gihe, ntiyiyuhagira, ubwo se uwo mwana ni uwande? Uburenganzira

bwe azabuhabwa ate? Gihe ki? Ko aho nyina yagiye hatazwi se nawe wakamureze akaba yarigendeye. Nyirakuru nawe nawe akaba yaraheranyewe n'ibibazo by'ubukene ndetse n'ibusinzi, uwo mwana azaba uwande?

Twibaze kubuzima bwa Olivier, ese Imana nimutabara akabasha gukura uburenganzira bwo kwiga bwo buzubahirizwa? Ntiwasanga abuze uburenganzira bwo kubaho neza akazabura n'ubwo kwiga?

Nonese abafite ibibazo babiture nde? Mwarimu murezi, babyeyi mwatubyaye n'abandi mwese, uburenganzira bw'umwana nibwubahirizwe bireke kuba mu magambo gusa ahubwo bishyirwe no mu bikorwa.

...ngo azajya azinduka ajya kwiga!?

Hari ababyeyi
bumva ko umwana
agomba kubafasha
imirimo ishuri
akarireka cyangwa
akajyayo rimwe
na rimwe. Hari
n'abatangira
gutoza abana babo
imirimo inyuranye
nk'ubuhinzi bakiri
bato cyane.



Muri aka gokino turasangamo
umwana witwa Alisa, ababyeyi be
(Anataliya na Matiyasi) n'umuturanyi
wabo Nyirampuhwe. Muriyumvira
ukuntu hari abana bamwe babuzwa
uburenganzira bwabo bwo kwiga
n'inama zishobora guhabwa
ababyeyi bavutsa abana babo
uburenganzira.

Agokino gatangira Alisa na se bari
mu rugo.

Matiyasi (mu gitondo): Alisa, ko
mbona uzindutse ukaraba, uyobewe
ko ugomba kujya guhinga?

Alisa (ababaye cyane): None
se papa ntawo muzi ko ngomba
kujya kwiga, kandi tukaba dutangira
amasomo mu gitondo saa moyo
n'igice?

Matiyasi: Ariko yeee! Ubu se
Matiyasi ko ntize simbayeho? Va muri
ayo mazi vuba ufate isuka tujye
guhinga, urajya kwiga nimugoroba
naho kundataho ibyo kuzinduka
ukaraba ibyo simbirimo. Ubwo se
wajya uzinduka ukaraba ukabona ko
uzatungwa n'iki?

Alisa (afite agahinda kenshi):
Papa ndaje tugende ariko
namwe murabibona ko mumbuji
kwiga kandi byari ngombwa.
Mubitekerezeho namwe murebe icyo
mugomba gukora.

Matiyasi: ariko uyu mukobwa ni
bwoko ki ra? Usigaye untegeka n'ibyo
ngomba gutekerezaho?

**Anataliya (avuye kwahirira
amatungo):** Ariko se ko numva
mutongana habaye iki?

Matiyasi: Ni umukobwa wawe
udashaka kugira icyo akora, ngo
azajya azinduka ajya kwiga.

Anataliya: Umva nawe ra! Imyaka
yanje yaheze mu gihuru, imirimo
hirya no hino..., none Alisa ararata
ibyo kwiga?

Alisa(yivugisha): Ariko
se ko numva ko umwana afite
uburenganzira bwo kwiga ariko
njiyewe nkaba ntabyemerewa ubu
nzabarizwa mu ruhe ruhande?

Anataliya: Ariko wabaye ute wa
mukobwa we? Gabanya ubutesi aho
ngaho uze tujye mu mirimo.

Agace ka kabiri

**Alisa (bari munzira bajya
guhinga):** Ariko mama ubu urabona
amasomo abandi bari bwige
nzayafatira he?

Anataliya: ubundi se ko data
atigeze yiga, njye na so tukaba
tutarize ubona hari icyo tubaye?

Alisa: ariko mama mujye mureka
ngerageze amahirwe yanje

Anataliya: niba ari ukwiga uraba
uijayo.

**Alisa (bari guhinga abona saa sita
zirageze):** Mama ndabona isaha
zigeze.

Anataliya: Ngaho genda ujye
kwiga.

Anataliya (abwira Matiyasi):
ariko uriya mwana afite ishyaka ryo
kwiga, urabona ukuntu agiye yiruka
n'umunaniro yari afite?

Matiyasi: N'ubundi ntawihuta
nk'uwayobye, ubuse urabona aziga
ate n'ubukene nifitiye?

Anataliya: Ariko rero dushatse
twamureka, kuko abayobozi
bahirutse kutubwira ko buri mwana
wese afite uburenganzira bwo
kwiga. Ikindi kandi iyo ushishoje
usanga abize bibagirira akamaro.
Ubu se wa mukobwa wa Karoli si
umufko haaaaaaaaaaaaaoromo ku kigo
nderabuzima cya Bwiza! Kandi rwose
na Leta yazanye uburezi budaheza,
kwiga ntibikigoye nko mu gihe cyacu.
Nta n'amafaranga y'ishuri dusabwa
mu burezi bw'ibanze bw'imyaka 12.

Matiyasi: Yewe Natari, ibyo uvuze
ni ukuri, reka tureke umwana yige
kimwe na basaza be.

**Muziranenge Christine
umwaka wa 5 (PCB)**
ubugenge, ubutabire n'ibinyabuzima.
G.S.ST Joseph Birambo

Babyeyi mwirambirwa kuducyaha...

Nye mbabazwa no kumva bavuga nkatwe urubyiruko ari twe dufatwa nk'imiraga z'igihugu, ariko akaba ari twe twibasiwe cyane n' icyo cyago SIDA.

Burya ngo amagara araseseka ntaylorwe. Reka dufate ingamba zo gukumira icyo cyago cya SIDA bihere muri twe urubyiruko twifate kugeza igihe tuborye inshuti tugomba kurushingana ,niba kandi tugeze igihe cyo kurushinga dufate ingamba zihamye, ntawe uca inyuma y'uwo bashakanye.

Erega ntawe byanyura ageze kwa muganga agasanga umugabo cyangwa umugore yari aziho ibigango, ubukire ubwiza ndetse n' imbaraga agiye guhitawna na SIDA, atabasha no kweguka aho aryamye, umuryango we usigaye iheruheru kubera kumuva za icyo cyago kidakira.

Burya kwirinda biruta kwivuza,

mureke twirinde duhitamo kwifata kuko ari byo byizewe kurusha ibindi, ariko kandi nitubona twinariwe burundi dukoreshe agakingirizo.

Babyeyi bacu namwe, urugero rwiza turuhabwa namwe, ndetse n' uburere bwiza nimwe buturukaho.

Mwirambirwa kudukosora nimutuganirize ibibi bya SIDA muturinde ubuhabara n'ubwomanzi.

Niba rero mudatinyuka kutuganiriza kubyerekeye SIDA ndetse n' inshuti zacu mukishimira kunyurwa n' iby'agaciro tuzana, nyamara mutazi aho twabikomoye bizatuzanira ingaruka ariko bitaretse n'umuryango muri rusange.

Rubyiruko nimureke turwanye SIDA twitabira kwipimisha ku bushake kugira ngo turusheho kubungabunga ubuzima bwacu. Twirinde abadushuka bikadutesha agaciro kandi ari twe Rwanda rw'ejo.

Turwanye SIDA kuko itwara benshi muri twe kandi b'ingirakamaro .Tube hafi y' ababana na virusi itera SIDA kuko nabo niabantu.Ntitubahe akato, tubahumurize, tubashishikarize kugana ibigo nderabuzima, bafate imiti igabanya ubukana bwa SIDA, doreko abenshi muri bo baba baranihebye, bumva ko nta kundi kubaho kandi nyamara ushobora gukomeza kubaho wirinze kwiheba.

Ndahumuriza abavutse baranduye kubera ababyeyi babo. Ubuzima burakomeza.


Mfubyi namwe mwihangane kandi mwirinde muhitamo kwifata maze mubeho neza .

Twirinde SIDA kugira ngo tubebo neza.

Nyiransabimana Marie Jeanne, mfiti imyaka 20 niga muri G.S ST Joseph Birambo (S5MCB)



Byashushanyijwe na
Uwangabato Emmanuel
S3 A E.S Mukungu
Umurenge wa Mutuntu
Akarere ka Karongi



Nagize amahirwe ADRA izana Catch-up

Nitwa Niyomugabo Theogene ntuye mu mudugudu wa Rwamatamu akagali ka Butare , umurenge wa Gihombo akarere ka Nyamasheke intara y'Iburengera zuba.

Niga muri catch-up ku kigo cy'amashuri abanza cya Rwamatamu niga mu cyiciro cya

1(level 1).

Mbanje gushimira ADRA yatekereje kazana catch-up iwacu kuko yankuye kure cyane.

Ndi impfubyi data na mama bapfuye nkiri muto nderwa na bashiki banje babiri, ariko nabo nta n'umwe wigeze wiga. Kuko bari bamaze gushaka byabaye

ngombwa ko nsigara iwacu nyenyine igihe cyo kwiga kigeze ntangira umwaka wa mbere, kuko nigaga nabi ari nanje wiyitaho kwiga byarananiye ubwo mba mvuye mu ishuri.

Ngize imyaka 20 nashatse gusubira mu ishuri ariko nkagira ipfunwe ryo kwigana n'abana nduta ariko ngira amahirwe ADRA izana gahunda ya catch up, mpita nyitabira kuko ntabwo narinzi akamaro kayo.

Umwarimu umwe wigisha muri Catch-up yansobanuriye uko iteye maze niga nshyizeho umwete n'ubwo narinfite ibibazo byo kwiga nibana .

Twahawe ibikoresho by'ishuri bihagije birimo amakaye amakaramu za boite matematical, imipira yo gukina no kwambara.

Ndakangurira abandi bana kugana ishuri kuko bizadufasha kugendana n'igihe maze vision 2020 izasange mfite umurongo nkoreraho, nshobora kwiteza imbere

Ndangije nsaba ADRA Rwanda ko yakomeza kudukurikirana.

NABANJE KUBUZWA UBURENGANZIRA BWANJYE

Nitwa Uwimana Jean Marie ntuye mu mudugudu wa Gatare, akagari ka Nyagatare, umurenge wa Mahembe, akarere ka Nyamasheke.

Niga mu mwaka wa gatanu mu kigo cy'amashuri abanza cya Binogo. Navukiye mu muryango utishoboye, nabyirutse mbona ababyeyi banje batunzwe no guca inshuro. Mama yajyaga gukorera amafaranga naho data akajya mu ishyamba gutwika amakara.

Ngeze mu gihe nakagiye gutangira ishuri data yanze ko njya kwiga ngo nzajya mufasha gutwika amakara, ngo hazige bashiki banje.

Ubwo twatangiye kujya tujyana mu ishyamba nkirimira ntoragura amakara, nataha nkabona abandi bana bavuye kwiga nkagira agahinda.

Numvaga nkunze ishuri ariko nkabura ubwo burenganzira, nageraga mu rugo nabona bashiki banje bavuye kwiga, nkabwira data ngo areke nanje njye kwiga akantuka ngo abakobwa ni abanyina ngo nabo ntacyo bazamara. Akongeraho ko ngo na we atize ariko akaba yibeshejeho.

Twatambukaga ku kigo nikoreye amakara abambonye bakabaza data impamvu atanyohereje kwiga akababwira ngo azanyohereza, ariko kwari ukugira ngo abikize.Bakomeje

kujya bamugira inama bamwumvisha ko nanje nkiriye kwiga nk'abandi kuko umwana wese afite uburenganzira bwo kwiga, ndetse bamubwira ko niyanga bazamujyana mu buyobozi.

Yaje kugeraho anyemerera kujya gutangira mu mwaka wa mbere ntangira bitinze kubera iyo mpamvu ariko nanje niga nshyizeho umwete cyane kandi numva mbikunze.

Ubu ngeze mu mwaka wa gatanu kandi nkaba nizeye kuzarangiza amashuri n'ubwo natangiye nkererewe kubera imyumvire y'ababyeyi.

Ndashimira abagize uruhare mu kumvisha ababyeyi banje uburenganzira bw'umwana kandi nsaba abana babujijwe uburenganzira bwabo ko badakwiye kwicara ngo barekere aho kuko hari abashinzwe kurengera abana, urugero nk'abayobozi.

Kirazira

gukoresha abang
imirimo ivunanye

Uyu miwana arimo
gusoroma icyay

Umwanya
w'abana
uri mu ishuri



Akwiye kumvwa mu rwamubyaye

Akwiye kumvwa mu rwatubyaye
 akwiye kumvwa no guteteshwa
 akwiye uburenganzira bwe bwose
 5.kuko ariwe Rwanda rwejo.
 Ndavuga urubyiruko rwose
 Ibyo bibondo byo guteteshwa
 Bakwiye kumvwa no kwitabwaho
 Bakwiye ubumenyi no kwitabwaho
 10.Bakwiye gusangwa no
 gusobanurirwa.
 Njiye ndarureba urwa Gasabo
 U Rwanda rwacu rwatubyaye
 Rusobetse ineza rusanga ibyiza
 Rusigasiye umuco mwiza
 15.Rukawusakaza mu barutuye.
 Njiye ndabireba bikandenga
 Ngashira impumu nkavuga
 Ibyiza by' urwa Gasabo
 Ngasenga nshimira
 20.Iyaruhante.
 Si ibyo mpimba ndabivuga mbizi
 Si ibyo nzika ndabisengura
 Si n' imisango isa n' isanzwe
 Kuko uburenganzira bw'umwana
 25.Bukwiye kubahirizwa hose.
 Muganishe ishuri ajijke
 Avome ubumenyi bw' ivomo
 Asobanurirwe bihagije
 Ku bureremboneragihugu
 30.Kuko twese biratureba.


Babyeyi namwe birabareba
 Mwica hirya ngo muce hino
 Nimvicare mu gacaca
 mubasobanurire
 Mubagire inama mutabakinze
 35.Kuko uburenganzira
 barabukwiye.
 Nimubarinde imirimo ivunanye
 mubarinde gutotezwa
 mubigishe bagane ishuri
 bafite uburenganzira bwo kwiga
 40.kuba mu muryango nabyo ni
 ibyabo.
 Ibyo bibondo byamugaye
 Si ibyo gutotezwa no guceckeshwa
 Ni ibyo gusanga no gusobanurirwa
 Si ibyo kuba igicibwa
 45.Bakwiye gufashwa muri byose.
 Imitwaro ivunanye
 Akazi gakomeye cyane
 Kutagira igithe cyo kuruhuka
 Kutagira igithe cyo guhugurwa
 50.Ibyo byose ni ibyo kwirindwa.
 Imfubyi natwe biratureba
 Twikigunga ngo twihebe
 Dufite umubyeyi ariwe rwagasabo
 Tugane imyuga bizatujijura
 55.Twe kuba ibirura n' ibyomanzi
 Ducane uwaka mu rwa Gasabo
 Duce umuco mubi ari wo

Amacakubiri aduca ukubiri
 Akaducamo ibice
 60.Wo gacika mu rwatubyaye.
 Tuiye inama dufatanye
 Turebe ejo hazaza hacu
 Duharanire uburenganzira bwacu
 Bwacu dusobanuze ibyo
 tudasobanukiwe
 65.Kuko iterambere ritwegereye.
 Lap top nziza ikwiye iwacu
 Dore amashuri dore amavuriro
 Umwana w' u Rwanda njye
 nabireba nti:
 Duserukana ishema tubisange
 70.Bitaduca mu ntoki ari ibyacu.
 Uburenganzira ni ubwacu
 Dusobeke ineza dusanga ibyiza
 Ducane uwaka mu rwa gasabo
 Umuco Wacu ntituwuce hirya
 75.Ntituwuteshe agaciro kavo.
 Ndashima mwese abarutuye
 Dukomeze umurego mu byiza
 byacu
 Duharanira uburenganzira bw'
 umwana
 Tumube hafi ataduca hirya
 80.Kuko ariwe Rwanda rw' ejo .

**IMANIRAGABA Naome muri Groupe
 Scolaire Saint joseph BIRAMBO
 mu mwaka wa 3**



Abana bavugaga umuvugo ku burenganzira bwabo
 mu murenge wa Mutuntu, akarere ka Karongi
 muri Kamena uyu mwaka



Rahura ubwenge

Bimwe bintu bitangaje ku isi tugiye kubona hasi ni ibyavuye mu cyegeranyo cyakozwe nyuma y'amajonjora yabaye muri 2007 akoreshejwe n'ikigo impuzamahanga cyitwa "New Seven Wonders Foundation". Icyakora ibi ntibiba ari ihame kuko biba bishobora guhinduka igithe habonetse ikindi kintu gishyashya kidasanzwe, kikemezw n'ababifitiye ububasha.

Mu guhitamo izi nyubako zidasanzwe ku isi hifashishwa inzobere zitandukanye mu bijyanye n'ubwubatsi, harimo abo bita aba "Architectes" bashushanya bagakora inyigo z'imiturirwa yo mu rwego rwohejuru, "Civil & Construction Engineers" bashinzwe imyubakire, abashinzwe iby'ubutaka n'abandi.

Muri rusange hatoranyijwe nyubako zirindwi zifatwa nk'izidasanzwe ku isi, ariko turagaruka kuri ebyiri gusa.

Twifashishije imbuga za internet: www.ifatizo.com na wikipedia.org.



Ikibumbano cya 'Yesu/Yezu Kirisitu' kiri i 'Rio de Janeiro'

Iki kibumbano giherereye mu mujyi wa Rio de Janeiro mu gihugu cya Brezil, imirimo yo kucyubaka yatangiye mu 1922, irangira mu 1931 ari nabwo cyamuritswe ku mugaragaro, mu gihe hizihizwaga imyaka ijana Brezil yari imaze ibonye ubwigenge.

Cyubatswe n'Abafaransa. Iki kibumbano gifite metero 38 z'ubugejuru kandi kikaba cyubatse ku musozi wa Corcovado.



'Le site archéologique de Chichen Itza'

Indi nyubako iri muri 'Mexique' mu gace nyaburanga bita : 'Le site archéologique de Chichen Itza'. Aha hantu kandi ni umujyi wa kera wa Maya ho muri Mexique. Aha hantu niho hari agace ka Gikirisitu. Ku geza ubu niho hantu hasurwa n'abantu beshi ku isi. Uyu mujyi wubatswe muri 534 nyuma y'ivuka rya Yezu.



Mu kwezi kwa 10, kuva tariki ya 1 kugeza ku ya 8, abanyeshuri biga mu mashuri yisumbuye nibura 35 bo mu gihugu cya Danemarike basuye u Rwanda. Uru rubyiruko rwari rukandagije ikirenge muri Afurika ku nshuro ya mbere rwagenzwaga no kwihera ijisho ibikorwa by'iterambere bikorwa na ADRA Rwanda, ndetse n'uburyo mu bindi bihugu babayeho cyane ko igihugu cyabo gitera inkunga ADRA Rwanda.

Basuye ishuri ryisumbuye Nu Vision High School mu karere ka Gasabo umuyi wa Kigali, basura ibikorwa binyuranye by'urubyiruko mu karere ka Muhanga na Kamonyi mu ntara y'amajyepfo. Banaganiriye n'amakoperative y'urubyiruko n'ay'abantu bakuru mu murenge wa Gashali, akarere ka Karongi mu Burengerezuba. Banasuye Pariki y'Akagera. Nyuma y'uruzinduko, bamwe muri bo bagize icyo batangariza akanyamakuru imbarutso y'iterambere mu kiganiro gito bagiranye.



Nitwa Kasper Falk Struksnes, mfile imyaka 17. Urugendo rwabaye rwiza cyane kandi nashimishije n'ibyo ADRA ikora mu Rwanda.

Ugereranyije u Rwanda n'igihugu na Danemarike ku bijyanye n'uburezi, wenda nkurikije ibyo nabashije kwibonera, ubona hari ibintu bimwe na bimwe bitandukanye cyane. Urugero, hano nabonye abanyeshuri bambara impuzankano (uniform) ariko si ko bimeze iwacu. Ikindi iwacu muri Danemarike dukoresha mudasobwa (computer) muri buri shuri ariko ikigo twasuye i Kigali n'ubwo nabo bafite mudasobwa ntibazikoresha muri buri shuri. Gusa nabonye ishuri twasuye rifite ibikoresho byiza kandi byinshi, aha ukabona nta tandukaniro rinini n'amashuri y'iwacu.

Mu cyaro ho nabonye abantu bakennye. Hari nk'umuryango umwe twasuye mbona baba mu kazu gato cyane. Umugabo wo muri urwo rugo yatubwiye ko azinduka aija mu murima buri munsi akaruhuka nibura umunsi umwe gusa mu cyumweru kandi n'ubundi ntbashe kubona ibitunga umuryango we bihagije. Ubona ubuzima bubakomereye cyane. Twe iwacu dufite amahirwe menshi cyane ugereranyije n'aba bantu nabonye.

Najaga numva ko muri Afurika haba abantu bakennye ariko nashoboye kubyibonera, kandi nabonye bitandukanye cyane no kubyumva gusa abantu babivuga.

Ikindi gikomeye nzabwira abandi ngeze iwacu ni uko, n'ubwo mu Rwanda hari abantu bakennye, ubona banezerewe. Banyurwa n'ibyo bafite kandi bakabishimira Imana. Iki ni ikintu dukwiriye kubigiraho, kunyurwa n'ibyo vifite kandi ukabishimira Imana yabiguhyaye.

Ikindi kintu gikomeye mbona Danemarike yakwigira ku Rwanda ni ugukunda kwiga. Ubona hano mu Rwanda abana bafite ikinyabupfura kandi bakunda ishuri. Urugero hari ishuri twasuye mu cyaro (Birambo mu karere ka Karongi), inzogera yavuze mbona abana bose birutse bajya mu mashuri. Ubona biga babikunze, ariko iwacu siko bimeze, usanga bisa no kwindinga. Hari abana usanga barangariye muri za mudasobwa bibereye mu bindi mu by'ukuri badashishikajwe cyane no kwiga nk'uko nabibonye hano.

Amazina yanjiye nitwa Emma Filipsen. Nahise nkunda Afurika cyane, iyo urebye abantu, ukareba ibidukikije byose ubona bihebuje. U Rwanda rutandukanye na Danemarike, iwacu ahantu hose ni umurambi ariko hano hari imisozi myinshi. Hano nabonye izuba rirasa kare cyane, nka saa 6h30! Nabyukaga nkibaza ko nakerewe cyane, kuko ari nk'iwacu izuba rirasa nka saa yine! Hano ku bijyanye n'amashuri, nabonye hano abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye barara mu cyumba ari batandatu, ariko iwacu icyo bingana kiriyamamo umunyeshuri umwe gusa.

Nabonye hano abantu bagwa neza, bahuza urugwiro buri wese yitaye ku wundi, abantu bahura bagasuhuzanya, bakaganira, basabana ariko iwacu siko bimeze. Iwacu nta muntu uba witaye ku wundi, bisa n'aho buri wese ari nyamwigendaho.



The Zunda niyo mazina yannjiye, mfile imyaka 19 niga mu ishuri ry'Abadiventisti b'umunsi wa karindwi. Twagize ibihe byiza. Ikgihugu nagikunze cyane, ni cyiza pe. Ni byiza kubona ko imico y'ibihugu itandukanye. Ikindi cyanshimishije kurusha ibindi ni urukundo rw'abana, nabonye bishimye rwose, kubasuhuza, kubapepera ni ikintu cyanejeje cyane kandi navuga ko kiri mu bintu byanshimishije cyane mu buzima (some of the best experiences in my life). Ibintu nk'ibi ntibabisanga iwacu.



Ku bijyanye no kwiga, hano nabonye hari amategeko n'amabwiriza menshi ku mashuri. Ibintu byose bifite umurongo bigenderaho. Hano abana bakunda ishuri, bakora imikoro myinshi...Nabonye bisa n'aho ubuzima bwo kwiga bugoye...Ariko iwacu usanga ibijyanye no kwiga batabikomeza cyane.

Iyaba byashobokaga ngo nabo mbajyane iwacu maze bibonere ko ibintu bimwe na bimwe bitandukanye, nk'umuco, uburezi n'ibindi.

Ikindi navuga ni uko nasanze abantu bose hano bafite urukundo n'ubugwaneza. Ubona rwose batwishimiye cyane. Nta kabuza ko ninsubira iwacu nzajya mbakumubura.



Umunsi mpuzamahanga wo gusoma

Muri nzeri uyu mwaka abiga bakuze basaga 1900 ni bo bahawe inyemezabumenyi mu turere twa Karongi na Nyamasheke ADRA Rwanda ikoreramo. Ibi byabaye mu gihe isi yose yizihizaga umunsi wo gusoma, kwandika no kubara, uba buri mwaka tariki ya 8 Nzeri. Abatsinze neza kurusha abandi bahawe ibihembo birimo amasuka, amajerekani, n'amaradio. By'umwihariko abagaragaje ko bamenye gusoma neza kandi bafite n'ubushake bwo gukomeza kwimenyereza gusoma bahawe na Bibiliya kugira izabafashe kutibagirwa ibyo bize.


"Nk'uko mubireba dore niguriye isaha kandi nzi kuyibara, ikintu kitashobokaga mbere y'uko nza mu isomero ry'abakuze," aya ni amagambo ya Mukaremera Bonifride w'imyaka 54 umwe mu bahawe impamyabumenyi. Avuga ko yaragiraga ihene za se ubwo abandi bajyaga kwiga.

Naho Bashimuwabo Francois ubu wagiye mu kimina kivuguruye nyuma yo kurangiza kwiga mu isomero ry'abakuze, ati "nagurishaga ihene mu isoko bakampa amafaranga atuzuye nagera mu rugo umugore wanje akanseka kubera ko ntari nzi kubara!".

Gahunda yo kwigisha abakuze mu masomero ikorwa na ADRA Rwanda mu mirenge itanu ya Karongi n'imirenge itatu y'akarere ka Nyamasheke ku nkunga y'lkigega cy'Iterambere Mpuzamahanga cya Danemarike cyitwa DANIDA.



na, kwandika no kubara 2014





ADVENTIST DEVELOPMENT
AND RELIEF AGENCY
RWANDA

P. O. BOX 2
11641 NYARUTARAMA RD.
KIGALI - RWANDA
+250 252 574774
www.adra.org.rw

Jefferson Kern, Country Director
Ana Alburqueque:Planning and Programs Director
Benjamin Habinshuti:Finance Director
Patrick Mphaka, ASC Program Manager
Esdras Nzeyimana, ASC Deputy Program Manager
Layout&Design :Etienne Ntawigira, Comm.&Advocacy Officer
Photography: Etienne Ntawigira